0179.

K0138351



| | |
|---|---|
| **Identification** | **: CE 87/95 -0179 Du 22/03/94** |
| **Durée** | **: 60mn** |
| **Qualité** | **: Bonne** |
| **Transmission** | **: Radio RTLM** |
| **Nom du transcripteur** | **: Uwamahoro M.Vianney** |
| **Date de la transcription** | **: Le 27/09/99** |
| **Nom du fichier** | **: sept0179.wpd** |
| **Dictaphone** | **: SANYO Série P8806620** |

**Orateur : Kantano Habimana**

Komini Kibirira ku Gisenyi, bamaganye bashimitse ubwambuzi bwa bwana Kamana Protazi, Umuyobozi wa entreprise "PROBETON" ikorera ku Giti-cy'inyoni i Kigali, baravuaga bati "uwo mugabo witwa Kamana Protazi yapatanye umuhanda na projet ikorera muri "Ponts et chaussés" i Kigali, none ubu umuhanda yakoraga muri Kibirira warahagaze kubera ko amafaranga yahawe kugira ngo ahembe abakoze yayiririye". Ati "Radio RTLM udushakishirize uwo mugabo aho yaba yihishe i Kigali, maze aze aduhembe". Maze rero Kamana Protazi Kamana Protazi muri PROBETON aho wihishe rero niba wihishe koko nyarukira i Kibirira, hanyuma ushyire abo abantu amafaranga yabo, kuko dore n'umushinga wawe w'umuhanda warahagaze.

Ako rero kari akababaro kanyu, ha.., radio yanyu rwose turifatanyije n'abo banyakibirira batarahembwe kandi barakoze, twifatanyije n'abo ba..ntu b'imbabare bo muri CHK batabona imfashanyo yabo kandi barakoze ubwo rero..turagira ngo ha ha ha mu kanya mu kanya ha ndareba hari amakuru henga mu kanya bashyireho umuziki, njye kuyareba neza uko ameze, hanyuma ubwo ngubwo turaba..bonana mu kanya (musique).

Ha ha ! Amakuru ashyushye mu kanya nababwiraga yuko madame Uwiringiyimana Agata, Ministre w'Intebe wa Gouvernement y'intebe yaheze mu cyuho, umenya noneho arambiwe guhera mu cyuho. Nababwiraga yuko rero mu kanya aza kuvuga ijambo. Ijambo rero noneho wa mugore wa mugore avuze neza, wa mugore avuze koko hinga mwumve na mwe uko avuze; aravuze ati "CDR, ishyaka CDR, rigomba kwinjira mu nteko ishinga amategeko nta mananiza". Bravo madame ! Bravo ! Ubundi se wigiraga ibiki ? Icya kabiri PDI igomba gushyira ahagaragara Umudepite w'ukuri wumvikanyweho, hum wumvikanyweho, a..bari bamutoye rero Kibata Juma, ndakeka yuko ubu yaba atangira kugorora ikote, hum , bravo madame!

Icya gatatu, Abadepite ba MDR, bagomba kurahira, bagomba kurahira, abakiri mu manza bakaba bategereje, e..baga..bakaba bategereje e.. ibyemezo by'ubucamanza, ubwo mu kanya turamenya neza uko amakuru akurikirana, ariko mu by'ukuri mbese mpereye no kuri iyi ngingo ya mbere, mpereye no kuri iyi ngingo ya mbere y'uko iri shyaka CDR, Impuzamugambi ziharanira Repubulika zigomba

kwinjira muri..e..mu nteko ishinga amategeko nta mananiza ibyo rwose birumvikana n'umwana yabyumva, amananiza bashyiraga ku ishyaka CDR, ntabwo yumvikanaga, ubwo rero ndakeka yuko..rwose kubona abantu batinza ibintu ku maherere ndakeka yuko ari igitangaza. Bwana Kavaruganda rero narye iminwa yumirwe hum, yumirwe, abone ko ibyo yakoraga ari amafuti, yari amafuti ateye ubwoba, ndashi..nda nda nda ha kuri uyu mugoroba rero hinga nsuhuze Honorable Dépité Jean Bosco Barayagwiza, he Honorable Dépité Jean u..Jean Bosco Barayagwiza, Dépité wa CDR mu nteko ishinga amategeko, ubwo rero akaba abaye Dépité, amananiza ya Kavaruganda avuyeho, aya madame Uwiringiyimana Agata avuyeho, ay'Inkotanyi na yo hu..ntawamenya icyo Inkotanyi zivuga ngo ntizakocarana n'Umuhutu uyu wikokoye mu nteko ishi..mu ntebe y'inteko ishinga amategeko, ibyo na byo yenda twizere ko zavuye ku..ku ki..ku k'ejo. Erega nizive ku k"ejo dukorane dusangire ubutegetsi aho kugira ngo zibuducure ng'uko uko ibintu bimeze.

Ng'uko rero ngaya amakuru yarashyushye, hanyuma noneho hinga nkomeze nsuhuze abandi bantu. Mu kanya mu kanya ya ya ya ya Bizimungu Willy Claudien a..ubu ni Président w'Interahamwe muri Segiteri Nduba Komine Gikomero Préfecture Kigali, a.. sewo (C/O) Elelctrogaz ngo arasuhuza abantu bose bo muri Segiteri Nduba hanyuma akaba anasuhuza n'Interahamwe n'Interahamwe za..z'i Jabana, Kabuye Kagugu, ngo kuko bahana imbibi kandi bakaba barishyize hanmwe kurinda umwanzi, hu..mukomere mukomere muri ako gace, mube maso.

Mu..daheranwa Frodouard wo muri Selire Rukoma, Segiteri Ngoma, Komine Mbogo Perefegitura ya Kigali na we ha arasaba indirimbo yitwa "Petite Fille" aya ya ya ya cyangwa "Karayibwiyingi" ariko rero ha..hinga mbaze numve abo ayisabira, Nsengimana Gaspard utuye muri Komine Mbogo, Bizimana Christophore na we wo muri Komine Mbogo Kigali, Icyimanizanye na..a..na Anonsiyata wo muri Mbogo Kigali, Nsabimana Jean Damascène wo muri Mbogo, a.. Karegeye uba i Kigali ku Kicukiro, hanyuma.. n'abandi n'abandi, maze rero ubwo ngubwo abantu ndabona batangiye kumenya ibyo gusaba indirimbo, mu minsi mike tuzaba twashizeho amakarita na gahunda yo gusaba indirimbo, maze mwumve indirimbo zanyu zishyushya kabisa mujye munanyuzamo n'ubutumwa bwanyu huum, hum hu, hari ukuntu a..ushobora kwandikira umuntu uti "nyituye n'icyana cyanjye Anonsiyata cyangwa Florida cyangwa Ingabire" hanyuma noneho ukongeramo uti " ndagukunda nk'uko ifi

ikunda amazi", ubwo rero hem ngo iyo ibuze iyo ibuze amazi irapfa. Hano hari ibaruwa ya Ntaganda Selesitini wo muri Komini Kivumu, Perefegitura ya Kibuye, ibyo biratwereka yuko Radio RTLM yumvikana hose hose hose hose rwose mu..Rwanda hose, ubwo rero.. turabashimira abumva Radio RTLM, aho muri hose mugire umugoroba mwiza.

Uyu mugabo rero Ntaganda Selesitini wo muri Komine Kivumu ku Kibuye we aravuga ati "ku banyamakuru ba RTLM ndabaramukije, ubu nandika iyi baruwa ndi muri Komine Gikoro aho ncumbitse, naje gupagasa, buri gihe.. ndabumva cyane mukaba muvuga ukuri. Mbandikiye mbageza ho akababaro natawe n'uwitwa Musigwa François, Musigwa François akaba ari umishoferi wa ambulence ya Gikoro, akaba yariyemeje kwica abantu batavuga rumwe na we ngo kuko badahuje ishyaka; hum ngo ahantu byagaragaye n'aho yohereje uwitwa Rwabera Didos, Rwabera Didos akansanga ku muhanda mu Kabuga ka Musha, akankubita umutwe ngahita ngwa hasi, akananyambura udufaranga nari narakoreye ibihumbi icumi, ubwo ngo icyo yampoye ni uko ngo ntatanzemwo umusanzu wo guha Inkotanyi.

Aho ngaho rero muri Gikoro ngo batanga imisanzu y'Inkotanyi. Ibyo rero.. ndakeka yuko umuntu yawutanga ku bushake bwe, ariko rero ntabwo ari ngombwa ko umuntu arinda kubanza gukubitwa. Ha..mbagejejeho rero akababaro k'Abatwa, ngiye kubagezaho akababaro k'Abatwa b'i Cyangugu, abanyacyangugu mwiriwe, mwiriranywe amahoro mukomere mukomere, hum mukomere mukomere , noneho mwene Gishungu ahari sinzi umenya yava ku izima inzego z'ubutegetsi zikajyaho, umuntu wigize akananiramana, wigize kabutindi Twagiramungu Fawusitini aliasi Rukoko yenda na we yakwibaza akumva icyo rubanda ishaka, akumva icyo abantu bamubwira, agaheba, agaheba uriya mupre..uriya Muministre wo muri wo wo..muri ..muri PL, yo..yometse kwa Lando akamushyira kwa Mugenzi kuko ni we wamutsindiye, ni we Perezida w'ishyaka akareka kwivanga mu mashyaka kwivanga mu mashyaka noneho tukagira umutekano.

Banyacyangugu rero mukomere Twagiramungu Fawusitini aliasi Rukokoma, ukomoka aho iwanyu, muri iyi minsi yenda Imana muri iri joro imubonekera, dore madame Uwiringiyimana Agata noneho

amaze kudohorera CDR, twizere yuko na Twagiramungu Fawusitini aliasi Rukokoma na we aza kudohora. Ha..akababaro k'Abatwa b'i Cyangugu ba..bakaba ari abo ari abo ku Cyato, Komine Gishoma, dore abo Batwa rero ukuntu bavuga bati..''Nyakubahwa Kantano kuri RTLM i Kigali, komera turi kumwe, RTLM turayumvira hose, ndetse no ku buriri turayumva uko ivuga".

Ni byiza cyane . Nizere ko mutararyama, yenda murimo muranywa akagwa, twebwe abanyacyangugu dufite agahinda bitewe ni uko abana b'Abahutu n'Abatutsi bamaze guhaga, bakananirwa kubahiriza amategeko y'Arusha yo ku itariki ya kane Kanama mirongo cyenda na gatatu, none rero ubwo bananiwe nibimukire Abatwa na twe tuze dutegeke, kandi na twe de..demokarasi yaducengeyemo, muri Perefegitura ya Cyangugu turashaka abategetsi bashya, abategetsi bafite amaraso ashyushye, nta handi abo bategetsi bava hatari mu batwa, abuzukuru ba Kajome na Nyira..na Nyiramusarange, turifuza ko Perefegitura yacu ya Cyangugu itegekwa n'Abatwa, Abahutu n'Abatutsi bamaze kunanirana.

Ikindi gishimishije Abatwa ntibakirya intama, batunzwe n'inkwavu n'inkoko zo zituma bagira ubwonko bwo kuyobora neza abaturage, berekeza iya demokarasi. Ha ha ha.. ! Ni byo aha.. Abatwa na mwe ntimugomba guhezwa, naganiriye na Munyankuge, ndamubaza "nti Munyankuge" ndamubaza nti "Munyankuge iyo wihimbira ishyaka yenda rikitwa "REDETWA", ubu yenda bari kuzagushyira ahantu muri Ministère, hanyuma ukabaho, hem, na we ukareba ko wazamura Abatwa". Munyankuge ati "wapi" ati "ndumva" ati.. "nzajya muri MDR" none rero muri MDR wapi akanya hehe shwi ! Munyankunge aranze arashonje, ashonje n'Abatwa be, ni aku..ni akumiro, aya ya ya ya ! Uhu.. hari akababaro k'abandi bantu, he ! Karahari, (arimyoje) akababaro k'abantu ntawakarangiza, ntawakarangiza rwose ariko hinga mbonye ibaruwa yanditse neza, mbonye ibaruwa yanditse neza, hano n'imashini, hinga numve ibiyirimo hu..ya Ntakirutimana Vénuste wo muri armée rwandaise i Byumba 51ème baitallon, 4ème compagnie, ati "mbere na mbere mbanje kubaramutsa n'uruku..n'urukumbuzi rwinshi, muraho n'amahoro nimugire amahoro y'Imana n'imigisha yayo kuri ako kazi kanyu, mwese mukomere tubifurije Pasika nziza abantu mukora kuri RTLM. Aya ya ya ya !I bi..i Byumba twumva Radio ku buryo bwiza kandi turayikunda cyane cyane iyo mu..dushyiriyeho akaririmbo katera morale e..k'imihigo y'ingabo z'u Rwanda. e..Nagira ngo unsuhuriza Inzirabwoba

ziri muri Komini Buyoga, zose ngo zikomere, zikomere hamwe na Lieutenant Ntegerejimana.. nakomere bose bakaba bari Komine Buyoga, hamwe n'ababyeyi n'abavandimwe bose, na Burugumesitiri wa Maraba wa Maraba ni i Butare bwana Habineza Viyana hamwe n'umwana nkunda cyane Munganyinka Julienne wo muri Segiteri Kokomeye na Nyakubahwa Directeur Jean Baptiste na madame we n'abana be bose bakomere bakaba batuye mu Matyazo, na.. Byukusenge Christine wiga i Save hu..ha ha, aho mu Matyazo hinga nsuhuze Interahamwe Bachille, Interahamwe Bachille i Butare, komera ha rwabi..nsuhuze Rwabugiri utuye muri Segiteri Shyanga, a..mundamukirize n'abakozi ba Komine Buyoga bose, murakoze ndangije mbifuriza amahoro, mwaganirizwaga n'Inzirabwoba Vénuste Padiri, hu..ubuntu n'amahoro biva ku Mwami wacu Yesu Kristo bibane n'abanyamakuru ba ya Radio yacu RTLM, kandi basugire basagambe, tu..twifatanyije na bo".

Twifatanyije na mwe ngabo z'u Rwanda mwese, ku..rwose turabakunda cyane, turabakunda turabakunda cyane mukomere aho muri hose mukomere ku rugamba, muhore muri maso, mubungabunge umutekeno wa rubanda, maze rero ndakeka yuko hari igihe cyo ku..batura umuziki, hanyuma noneho tukabagezaho n'ubutumwa bwanyu, ubwo rero..hu kubatura umuziki n'ubutumwa bwanyu agahinda k'abantu ko ntawakarangiza, ariko mu kanya turareba turareba agahinda agahinda k'umuntu umukomeye, agahinda k'umuntu ukomeye witwa Rucogoza Fawusitini, Rucogoza Fawusitini akaba ari Ministri, Ministri w'Itangazamakuru yanyandikiye agapapuro, e..rwose nza kubasomera nza kubasomera ubwo niba ari jye ufite ikosa meyakurupa, ariko rero hu..turaza kureba neza ibirimo maze babashyirireho umuziki abasabye indirimbo mwese uyu mugoroba, abasabye indirimbo, abatwandikiye mwese, iyo ndirimbo ikurikira ndayibatuye mwese, mwese mwese rwose ntimukagire agahinda kubabara si uguhora urira, kandi no kwishima si uguhora useka. Byose byose ni ukwihangana. (musique).

**Nkomati Emmanuel**

..rumva rero tugiye gutangira kubagezaho ubutumwa bwanyu. Aratumenyesha ko hari ibikorwa bya bwana Nayinzira Yohani Nepumuseni, bigaragaza ko nta demokarasi irangwa mu buyobozi bw'ishyaka tya PDC. Ikindi kandi komite-nyobozi y'ishyaka PDC ibabajwe ni uko amashyaka amwe n'amwe adashaka ko ishyaka CDR rihabwa intebe mu nteko-nshingamategeko y'inzibacyuho yaguye.

K0138357



Mu by'ukuri ishyaka PDC nta Président rigira muri iki gihe cy'agateganyo, ririho rikora kandi riyoborwa hakurikijwe gusa ingingo za makumyabiri na kabiri, mirongo itatu na kane na mirongo itatu na gatanu ziyongeraho ibyavuzwe, e..ibyavuzwe mu nyandiko-mvugo y'inama yahuje abagize inteko-shingiro ku matariki ya mirongo itatu Kamena na cumi na kane Nyakanga, igihumbi kimwe magana cyenda na mirongo cyenda na rimwe. Ku byerekeye komite-nyobozi y'ishyaka igizwe n'abantu cumi n'umwe bagomba gukorera hamwe buri gi..buri gihe kandi mu bwumvikane. Muri uru rwego rero ntawakiririrwa ahishira ukuntu abayoboke b'ishyaka PDC, ariko cyane cyane abashinze iryo shyaka uko bari mirongo itatu na barindwi, bakunze kwinubira igitugu cyakunze kurirangwamo.

Umuvugizi waryo ntatinya kurifata nk'aho ari umutungo we wenyine, kugeza n'aho yihaye ku bwenda bwe uburenganzira bwo guhindura abo ishyaka rihagarariwe ab'ishyaka rihagarariwe na komite-nyobozi ryahisemo kurihagararira mu nteko- nshingamategeko y'inzibacyuho. Umukandida Depite Bishirandora Siliveri yasimbujwe mu nyandiko na Karamaga Faustin kandi hari umusimbura wagenwe ari we Gasimba. Bombi bakaba batari banabajijwe kugira ngo bagire icyo babivugaho. Noneho kubasimbura bibe byagira inzira inyuze mu mucyo. Ibyo ni bimwe mu byagaragaje ko nta demokarasi irangwa mu buyobozi bw'ishyaka riharanira demorasi ya gikristo.

Ikindi kibazo cyizwe n'iyo komite-nyobozi y'ishyaka PDC ni ikibazo cya CDR. Amashyaka amwe adashaka ko iryo shyaka rihabwa intebe mu nteko-nshingamategeko y'inzibacyuho yaguye. Amasezerano y'amahoro "code d'éthique" ateganya ko amashyaka ya politique yariho mbere yuko ayo masezerano ashyirwaho umukono ni ukuvuga mbere ya tariki enye kanama umwaka ushize, ari yo yonyine afite uburenganzira bwo kugira abayahagarariye mu nteko-nshingamategekoy'inzibacyuho. Ayo mashyaka re..ayo mashyaka ariko agomba kubanza kwemera ayo masezerano, kandi agashyiraho umukono kuri code d'éthique mbere y'ishyirwaho ry'inzego z'inzibacyuho yaguye.

Abayoboke b'ishyak PDC kimwe n'abandi Banyarwanda babajwe n'uko ishyaka CDR, ndetse kimwe na Parti Démocrate ryifuje kwinjira muri urwo rwego amwe mu mashyaka ahuriye muri Gouvernement akaba akotanira kurivutsa uburenganzira bwaryo, umuvu..umuvugizi w'ishyaka

K0138358



riharanira demokarasi ya gikristo na we akaba yarabishyigikiye atabitumwe na komite-nyobozi iyobora ishyaka. Iyo myifatire yateye ipfunwe muri komite-nyobozi ya PDC ubwayo no mu ishyaka ari na byo byatumye abayoboke benshi bibaza byinshi ku buyobozi bw'ishyaka ryabo. Ng'uko rero uko bimeze muri PDC magingo aya.

Andi makuru tubafitiye ni aturuka ni aturuka muri Komine Giciye mu mushinga IPV, ni ukuvuga mu Gifaransa "Intensification de la Production Vivrière", umushinga ushinzwe kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi ukorera muri Komine Karago, Giciye na..Gaseke. Aratumenyesha ko uwitwa Kuradusenge Tomasi, ukora kuri Komine Giciye ashaka gukurura umwuka mubi hagati y'abakozi b'umushinga n'abaturage, tubibutse ko uwo mushinga u Rwanda ruwuterwamo inkunga n'igihugu cy'ubucuti cy'ubudage. Kuradusenge rero uwo ni muntu ki ?

Kuradusenge ni umuntu urangwa n'amatiku, n'ubutiriganya bwinshi, avugwa ko ari we nyirabayazana w'ibikorwa by'ubwicanyi bwabaye mu Makomini ya Giciye,Satinsyi ndetse na Kibirira. Akaba ari we ukomeje guhembwa amafaranga ya Leta kandi yarahagaritswe n'inama ya Gouvernement ishingiye kuri raporo ya komisiyo yari iyobowe na Docteur Iyamuremye Augustin yo ku ya gatatu Mata, umwaka ushize.

Uwo ka..uwo uwo uwo Kuradusenge ni umuntu ufungishijwe ijisho kubera ibyaha byinshi bimuhana bimuhama byo guhungabanya umutekano nk'uko byasuzumwe n'urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kabaya. Ni iki gituma uwo Kuradusenge Tomasi akomeje kurwanya abakozi b'umushinga abanganisha n'abaturage ? Uwo Kuradusenge yaje gukurikiranwa n'umushinga IPV kubera imodoka yari yafashe ku ngufu mu gihe cy'imvururu noneho iza kugwa, yakurikiranwe mu nkiko yizeye ko hari abakozi b'umushinga bazamujya inyuma arababura, bityo bituma abijundika bose ariko cyane cyane Umuyobozi w'umushinga bita Bazivamo Christophe.

Uwo Kuradusenge rero imigambi mibi yo kwanga no gukurikirana abakozi b'umushinga yatahuwe n'abakozi n'abaturage bo kuri Giciye bose. Ikimenyetso simusiga ni uko ku itariki ya makumyabiri z'ukwezi e..kwa kabiri saa moya za nimugoroba Kuradusenge n'amabandi atanu bateye Agronome

Bizimungu ukora ukora mu mushinga IPV waruri ku ipikipiki akahasiga e..akahata akahagirira ibibazo. Uko babibona rero abo bakozi bo mu mushinga bati "tumaze kubona ko uyu Tomasi ari gutanga isura mbi mu ishyaka MRND, abayoboke bose ba MRND bagombye kureba ibyo agamije mbere bivanzemo n'ubugambanyi ko bihishemo ibindi bintu kandi nanone akaba afite amadosiye ahambaye y'ubugizi bwa nabi, byongeye bakaba rero batashyigikira ayo mafuti ye yi..ayo mafu..ayo mafuti ye yitwa..ayo mafuti ye yitwaje ko ari Umukuru w'Interahamwe, barasaba rero mu maguru mashya ko hatorwa undi Mukuru w'Interahamwe muri Giciye".

Ikindi rero bati "mu bakozi mu bakozi ba projet, uzazira urugomo rw'uwo mugabo Tomasi n'abantu be yitwaza uwo Tomasi rero ni we uzabibazwa. Abategetsi basabwe kwamagana ibikorwa bye bibi bikurura urugomo, bakanagenzura ku buryo ibihano byamufatiwe byakubahirizwa".Abasinye rero iri tangazo batugejejeho, hari uwitwa..bitu..Biturutsemwabo Lewonidasi, hakaba Nzabanita Aloyizi, hakaba Nduwayezu Bonavantire hakaba Nsengiyumva Emmanuel, hakaba Munyarukorati Modeste, hakaba Bizimungu Jean de Dieu, hakaba Kabano Pierre Selesitini, hakaba Mutarambirwa Jean Baptiste, Ndagijimana Gervais, Uwituyese Consolée, Mujawimana Anatholie, Dushimimana Emmanuel, Uwa..Uwanyina Marie Louise, Muhashyi Ogisitine, Ntibaganira Thérèse, Niyonteze Biniface, Munyamuhanda Viator, Bigirimana Fidèle, Kanamugire Jean, Nzeyimana Etienne, Nyirambonigaba Agathe, Biziyaremye Patrice, Nyirakanani Janvière, Ndongozi Tomasi, Tugirimana Laurent, Abiyingoma Marcel, Kabano Tharcice, na.. Bucyukundi Jean.

Dufite i saa moya zirenzeho iminota hafi mirongo itanu muri studio zacu. Andi makuru turayabagezaho mu kanya nyuma y'ako karirimbo. (musique).

**Kantano**

..vugira i Kigali, saa mbiri zirabura iminota itanu hano muri studio za radio yanyu radio yigenga RTLM, abatwumva mwese dukomeje kubifuriza umugoroba mwiza, iyo ndirimbo iravuga iti "dushyigiye dushyigikiye demokarasi isesuye, demokarasi izira amacenga", ariko noneho tumaze kumenya..tumaze kumenya aha..aba..abadindije abadushyize mu gihirahiro barakomeza bagenda bagaragara buhoro buhoro, buhoro buhoro bigaragaza, ndakeka yuko ntiwabeshya abaturage igihe

kinini, n'ubwo waba madamu n'ubwo waba madamu Uwiringiyimana Agata n'ubwo waba Twagiramungu Fawusitini..aliasi Rukokoma n'ubwo wagira ute, ntushobora kujijisha abantu ngo dore abadindiza abadindiza ishyirwaho z'inzego kandi ari wowe wa mbere uzidindiza, dore nk'ubu ngubu madame Uwiringiyimana Agata, madamu Uwiringiyimana Agata mu ngingo eshatu avuze, mu ijambo avuze kwa mukeba avuze yuko ishyaka CDR, ishyaka CDR noneho noneho andi mashyaka adashobora nta mpamvu zatuma aribuza kwinjira mu nteko ishinga amategeko, maze se abantu bajye bibaza bisubize mbere haose Kavaruganda yiriranwa impapuro azirukankana azihisha, e..abasederi (CDR) barinda kujya gukikiza Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga, ibyo byose iyo madamu Uwiringiyimana Agata abikora kare, akabivuga kare, akabibwira FPR kare, ikabyemera ibyo bintu ntibiba byararangiye hakiri kare, ariko rero nanone nta byera ngo de !

Madamu Uwiringiyimana Agata nanone yongeye gusuzugura yi..yongeye gusuzugura ishyaka PDI, ishyaka PDI, e..ku Mudepite waryo yi..ryitoreye ryitoreye kuko rifite uburenganzira bw'uko mui gihe umuntu agambaniye ishyaka rikamwirukana ryongera rigatora Umudepite umusimbura ni kimwe n'upfuye agomba gusimburwa, ubwo rero mu gihe Hamidu a..Omari babonye agambanira PDI bakamukuramo bakamukuramo bagatora Kibata Juma, Kibata Juma rero ni we ugomba kuba Depite. Ntabwo rero mbona igituma madamu Uwiringiyimana Agata yibaza ngo ese ibibazo bya PDI Président wa Repubulika yabikuye he ? Yabikuye aho ngaho nyine yabikuye aho madame Uwiringiyimana Agata areba akayirengagiza, ni mu bibazo biri mu ishyaka mo imbere muri PDI.

Hanyuma hari n'ikindi kibazo muri MDR bakomeje uburiganya, Twagiramungu Fawusitini, aliasi Rukokoma hamwe na..muge..e..hamwe na madame Uwiringiyimana Agata bakomeje ubucabiranya muri iryo shyaka MDR bati "ibyo ari byo byose Abadepite, abakiri mu manza bakomeze bajye mu manza ntibararangiza inkiko zoze hanyuma hagati aho ibi..ibi.. ibi.. ibisakumyi ibishwadu..ibishwaruzi bibe bigiyemo, yenda hagati aho ntihabura amategeko atanu ahita tukaba twibye amajwi byibuze ane". Ibyo bintu rero nanone ni ubusambo a..iyo madame Uwiringiyimana yamagana ubusambo ntiyamagane ubwo ndakeka yuko kwaba ari ukwiringagiza Abanyarwanda bari bazi ubwenge, ni uko bakeka yuko ari bo babuzi bonyine. Ibyo ari byo byose birumvikana niba abantu bose niba abantu

bose ba..bavuga bati "ibyacu umenya dushidikanya" bose bari bakwiye kuba bahagaze hajyaho Abadepite barindwi, hanyuma noneho bane bakazaba babona uko basimburanwa. Ubwo se ayo mafaranga bazaba bahembwe hagati aho igihe abandi bazaba basiragira mu nkiko, bijya muri cassation Kavaruganda abifunga, ubwo ayo mafaranga yo bazaba bibye Leta bazaba bayibiye iki ? Ibyo na byo ni ubusambo bukomeye kuko mu gihe bose bashidikanywaho bose ari umuntu ukurikiza ukuri yavuga ati "mwese stop !Tuzaba tureba". A..ubwo rero ndakeka yuko madame Uwiringiyimana Agata mu byo yavuze harimo ibintu bimwe na bimwe bigiye bikosamye kandi ndakeka yuko abantu baba babireba, kubeshya rero abantu kubeshya bigezea aho ni ibintu by'amahugu by'amahugu, ntabwo rero umuntu ashobora kuvuga ngo ibyo bintu by'amahugu e..bi..bifite ishingiro.

Hanyuma ni nk'uko madamu Uwiringiyimana Agata akunda amatariki ati "ku itariki makumyabiri na gatanu", ku itariki makumyabiri na gatanu se e..e..kuki bitaba na makumyabiri na gatandatu ? Ubwo rero iyo tariki nanone igituma yayihutishije ni uko yumva nyine muri ibyo bintu cyane cyane bya MDR na PDI hakiri mo ikibazo. Na cyo nikigombe gikiranuke, ikigombe gikiranuke niba koko twiyemeje demokarasi amahugu a..aveho. Ku byerekeye rero ishyaka CDR ngarutse inyuma hinga dushimire bwana Barayagwiza, he..Barayagwiza Jean Bosco, Honorable Baragwiza Jean Bosco ubaye Umudepite w'ishyaka CDR, mu..mu nteko ishinga amategeko, murakoze bantu b'i Busogo, murimo ngo munywa abasederi (CDR) b'i Busogo murimo munywa muvuga muti "ni byo rubanda nyamwinshi nta kuntu yahezwa muri ya..muri iriya ngoro nziza y'Inkotanyi zavogereya", muri iriya ngoro nziza rero rwose rubanda nyamwinshi igomba kujyamo rwose ikaba irimo. Ab'i Busogo baranezerewe barimo ba..baranywa ubwo mukomere.

Amakuru y'andi atugeraho, amakuru atugeraho, amakuru atugeraho mbanjye mu mahanga cya kidege kikoreye kabutindi cyari cyaraguye i Lalinaka muri Chiple kivuye muri i Sirayeri cyaci icyo muri Nijeriya kivuye muri i si..muri i Sirayeri gipakiye intwaro zijya mu Bugande, icyo kidege rero cyarongeye gisubira muri i Sirayeri, cyarongeye gisubira muri i Siriyeri hanyuma barongera bapakira mu kindi kidege kikoreye nanone kabutindi none ntibazi iyo cyarengeye. Hagati aho mu Bugande i Kampala bakomeje kwitana bamwana, Leta ya Isirayeri iravuga yuko iyo ndege iyo ndege n'izo ntwaro yikoreye, byakomanzwe (commander) na Leta ya Uganda, ariko ibinyamakuru byinshi byo

mu..ibinyamakuru bimwe byo mu Buganda biravuga yuko ari intwaro zigenewe "JONI GARANGA" urwanya..urwanira uharanira ubutegetsi mu majyepfo ya Sudani, ariko ibindi binyamakuru byinshi nka birindwi ku ijana biremeza y'uko izo ntwaro zigenewe FPR Inkotanyi. Nguko uko byifashe aho i Kampala.

Indi nkuru ikomeye ikomeye iteye agahinda, mu Burundi ibintu burakomeye, mu burundi i Bujumbura ibintu birakomeye, nk'uko rero amakuru akomeje kutugeraho abitubwira, mu Kamenege mu Kamenge igice kinini cya karitsiye e..karitsiye imwe nini ya Bujumbura aho ngaho hakaba ari ho hari Etat Major y'ishyaka FRODEBU rya Nyakwigendera Merikiyoro Ndadaye wishwe n'ibyihebe by'Abatutsi muri..murabyibuka, aho rero e..ubu ngubu iyo Etat Major ni ukuvuga iyo karitsiye ya Kamenge ari na ho abantu benshi b'Abahutu bari barahungiye bajya kwisuganya aho rero ubu ngubu hakikijwe na za blindé ubu ngubu hari numaze kumbwira ko ziri ku mapine mashya hari zirindwi zavuye i Gitega, hari umunani i Mwaro, hari..hari n'izindi nyinshi basanze i Bujumbura, hanyuma rero ubu ngubu bari mu ikaritsiye ya Kamenge baragenda bahiga urugo ku rundi ahantu bazi yuko hari umuntu ukomeye bakica. Abantu rero baravuga bati "i Burundi hose baraduterefona batakamba" bati "nyabuneka mudutabarize biracitse, turapfuye tubuze gitabara, nta kundi ibintu birakomeye mutabaze imiryango mpuzamahanga mubaze rwose iki icyo aba Batutsi baduhora".

Ng'uko rero uko ibintu bimeze baratubwira yuko n'ubu ngubu hakiri imyotsi hakiri imyotsi, ye...hejuru ya Kame..abantu bose barabona imyotsi n'imiriro ubwo rero n'amazu bagomba kuba barimo batwika, tubibutseko aho mu Kamenge ejo bundi nk'uko na Radio Bujumbura yemeye kubitangaza hapfuye abantu barenga magana abiri. None rero abasirikare bongeye kuhagaruka ba..baza nanone kongera noneho kurangiza nu..n'abantu bari basigaye ariko baratubwira ko abantu bamwe bashoboye guhungira bashoboye guhungira mu..mu misozi, bashoboye guhungira mu misozi mu ngo hakaba hasigayemo abana n'abagore ariko..telefone itugezeho noneho iratubwira ko n'abana n'abagore birukanka bahunga e..batazi iyo bagana.

Ubwo rero murumva yuko i Burundi ibintu bikomeje kuba nabi sinzi niba sinzi ubu ngubu ukuntu

umuntu yabatabara aba bavandimwe, ni uku..reba uko bagerageza bagatabaza imiryango mpuzamahanga, cyangwa se ntawamenya rwose ibi bintu ni akandare bari barashyizeho Gouvernement Abatutsi barayibujije uburyo, none dore nanone ntacyo bitanze baranze barapfuye. Indi nkuru (arasetse) indi nkuru yo irashekeje irashekeje, ni agapapuro ni agapapuro nandikiwe na Ministre Fawusitini Rucogoza, aravuga ati "nkurikije ibintu waraye umvuzeho byerekaranye n'akazi kanjye nakoze muri Présidence de la République, ndagira ngo ejo ku wa mbere ...

**Fin de la face A.**

**Face B**

**Orateur Gahigi Gaspard**

..Twagiramungu Fawusitini, Ministre w'Intebe ishyaka rye ryaramwirukanye ka Kabusunzu rijya mu nkiko, abantu bari inyuma ya Twagiramungu ni bake cyane n'ubwo nta matora ahari ni (inaudible) ni ukugereranya ni ukureba ni bake cyane,

**Orateur Kantano**

Ibyo ari cyose ni bake (inaudible).

-Umuntu witwa Nzamurambaho Ferederiko, Président w'ishyaka PSD iwabo i Gikongoro baramwamagana,

- (inaudible) i Butare yacungiraga ejo bundi yarabizambije yanga ibyemezo bya congrés ya Butare

-E..bati "rero" bati "ntabwo twari tuzi ko watujyaninra ishyaka rigamije bita iry'amizero ya rubanda" bati "ngo urijyane uryegeke ku Nkotanyi", Nzamurambaho ubu afite ibibazo, p..p..PSD uzi ko ryari ishyaka cyane cyane rishingiye ku karere, ntago ryari rifite abayoboke henshi cyane mu gihugu uretse i Butare no n'i Gikongoro,

-Hu., hum !

-N'ishyaka umuntu yagereranya na APROSOMA cyera, none iwabo aho yari afite icyo bita bastillon naho bamumereye nabi, baravuga bati "ntabwo twakifuza ko watwegekera ishyaka ku Nkotanyi ahubwo hari abatubwira ko atanakigerayo, ko agezeyo bashobora kumusamira hejuru, he..umuntu bita Nayinzira ni we ufatanyije e..ngo na FPR, uzi se ntago wabonye pere..ntiwabonye ibaruwa abagize inzego za.. PDC mu gihugu cyose bamwandikiye bamwamagana, uwo muntu se ahagarariye nde ?

Koko rero kugira ngo nsubize ikiki.. ikibazo cyawe, nakubwiye ko ku isi hose, umuntu wemera demokarasi ni ukuvuga ubutegetsi bw'abaturage bubakorera kandi akaba ari bo babutanga, nta muntu n'umwe wabuza rero abaturage kwishyiriraho gouvernement bishakiye. Ngira ngo no muri préambule ya constitution ya Leta Zumwe Ubumwe z'Amerika ari imwe mu za kera ni icyo kintu

ishingiraho, ko abaturage bafite uburenganzira bwo kwishyiriraho Gouvernement bashaka igihe cyose bashakiye,

-Hem ni na yo demokarasi urebye,

-Ni yo demokarasi,

-Ni demokarasi,

-Niba rero abantu babona bagiye guhera mu gihirahiro bahejejwe abantu mu gihirahiro n'abantu

-Hum,

-Nk'abo nakubwiye marginals, marginalisés, abaturage koko bashobora guhagurukira rimwe, bakavuga bati "stop ! Ibintu birahagije hanyuma bakishyiriraho Gouvernement bashatse.

-Urakoze bwana Gahigi, abumva radio yigenga RTLM ndakeka yuko, mu..kiganira tumaze kugirana na Rédacteur en chef Gahigi Gaspard, mwumvise uko ibintu bimeze, mu by'ukuri hano kuri iyi radio yanyu tuvugisha ukuri, ndakeka yuko uko Gahigi yagiye abasobanurira uko ku..akurikije ibibazo nagiye mu..mu..mubaza, nta kintu na kimwe yahimbye, ni ko ibintu byagenze hanyuma rero abaturage bakaba barabonye yuko FPR yazaga ibeshya ngo irashaka ngo gucyura impunzi, ubu impunzi ntabwo zikiri ikibazo, hem nta muntu ushobora kuzitangira, ibyo yazaga ibeshya ngo demokarasi, demokarasi ntabwo yo yivanga mu mashyaka y'abandi ntabwo adindiza ibintu ngo ashaka ibindi, demokarasi umuntu akorera muri transparence ku mugaragaro.

Hari ibindi rero FPR i...ihishe ari..ari byo gufata ubutegetsi ku ngufu, gufata ubutegetsi Abahutu bari bambuye Abatutsi muri mirongo itanu n'icyenda noneho ikabufata yo byose ikabihindura uko yumva itekereza uko ikurikije ama..a..amateka e..abuzukuru b'impunzi binjiye mu..mu bigo by'impunzi noneho u Rwanda bakarugira e..rushya ariko hagati y'udukingirizo e..rushya mu mu bitekerezo by'Inkotanyi. Ng'uko uko ibintu bimeze nta kindi. Ikibazo rero gisigaye ni ukwibaza niba abaturage rubanda nyamwinshi dushobora kwemera ko icyuya abaturage biyushya ba sogokuru bacu ba data biyushye muri mirongo itanu n'icyenda, gishobora gupfa ubusa, ko ibyo twagezeho byose biyoyoka bikayorwa n'Inkotanyi cyangwa se e.. yuko na twe ibyo twagezeho dushobora kubyegurira Inkotanyi e..gusa gutyo kandi zitarigeze zishobora kudutsinda n'intwaro, ni icyo kibazo.

-Ikibazo koko n'aho kiri ariko njye mbona rubanda batazabyemera rubanda ntago ruzabyemera kuko Arusha bajya kugabana ubutegetsi, njye nabyise kubushimuta kuko ubundi ubutegetsi ni ubw'abaturage, umuntu rero wavuze ngo agiye Arusha ngo bagabane ubutegetsi, njye mbyita kubushimuta barabushimuse rero none mu gihe cyo kubugabana bibaye ikibazo FPR iravuga iti, mbese ni nk'uko abantu mumbabarire mvuge ibisambo,

-Kantano : He..

-Cyangwa mbite abashimusi,

-Wigeze no kubivuga,

-Nigeze kubivuga mugashimuta inka noneho mwajya kuyigabana, mwayibaga mwajya kugabana, hakavamo umugabo umwe wiyita uwijanja agashaka kuzitwara zose, abandi bahagurukira rimwe bakamurwanya, kereka agize ingufu ngira ngo aka.. akanesha abo bose,

-Hum,

-Ariko ubundi ntago ushobora kuba wemeranyijweho ikintu ngo n'ukugabana ubutegetsi nurangiza ubutware. Ibyo bintu Mugenzi Yusitini akunze kubivuga ntago rero abantu bazemera guha ubutegetsi FPR, niba ba.. twavuye mu butegetsi bw'ishyaka rimwe rya MRND ya kera révulutionnaire, noneho dushaka ubutegetsi bushingiye ku mashyaka menshi, ni ukuvuga rero ko abayoboke bagize ayo mashyaka abayoboke bagize ayo mashyaka ni bo bazahabwa ubutegetsi binyuze mu nzira y'amatora. Ariko nta muntu n'umwe ushobora kuza ngo avuge ngo ubutegetsi arabutwaye ku ngufu ngo rubanda rumwemerere. Ntibishoboka ntibishoboka ntabwo byashoboka ahubwo wa mugani wa Mugenzi bazabona ishyano abantu bashaka kugambana n'uwo mugabo wiyita uw'ijanja, ushaka kwikubira ubutegetsi, abantu rero bagambana na we, abo nakubwiye ba..ba marginaux, koko abo bantu sinzi niba bibuka umugani w'umugabo witwa Nkundiye, Nkundiye Nkundiye Nkundiye ni umuhungu wa Kabego w'Umushi,

-Hem,

-Ni umugani ubushize yigeze kuvugira kuri radio ariko ntiyawurangiza, e..Rwabugiri rero yara..geze gutera Kabego hariya ku ijwi bararwana, noneho Kabego Rwabugiri ntiyashobora kumutsinda. Noneho bucyeye Rwabugiri uzi ko ari umuntu w'umugambanyi cyane, agambana n'umuhungu wa Kabego witwaga Nkundiye,

-Aha..

10138367



-Ati "uzamfashe ntsinde so", ati "ntsinde so", ati "nzagufasha na we utegeke. Nkundiye afasha Rwabugiri, aho aramba..aragambana, Rwabugiri agabyeyo igitero ku ijwi, noneho amwereka uko Kabega arwana, amwereka inzira yanyura noneho Rwabugiri atsinda Kabego.

-Uhum,

-Urumva, amaze kumutsinda noneho, Nkundiye akajya ataramana na Rwabugiri. Noheho bucyeye,

-Asaba ubutegetsi,

-Ye..donc ni ukuvuga amufasha barafatanye (amajwi menshi icyarimwe),

-Kwa kundi kwirukanka ku Mulindi mbese,

-Ye..

-Abantu bagenda bacicikana ku Mulindi,

-Noneho rero umunsi umwe umugabo witwa Rwabyonga bataramye abwira Nkundiye ati "na we ukujya mu bandi bagabo ukivuga", ati "ukivuga uri munsi y'amashahu ya se ya so",

-Uhum,

-Baratsinze nyine Kabego baramushahura, noneho bamanika aho ngaho, uzi ko kera bashahuraga abantu. Noneho nibwo rero Rwanyoga rwa Mugaburambere abwiye nyine Nkundiye ati "na we ukajya mu bandi ukivuga n..wa..na..na..n'amashahu ya so amanitse hano"?

-Uhm,

-Noneho Nkundiye rwose yumva bimuteye agahinda agira ubwoba ni bwo acitse,

-Hum,

-Aracika acitse rero ni bwo Rwabugiri umujinya umwishe ati "dore nari maze intambara yari imaze guhosha ni ibiki, none e..Rwanyonga e..atumye uriya ntuze Nkundiye acika, noneho (inaudible)

-(inaudible) bari kuzamwica,

-Buretse wumve, noneho ubwo Rwanyonga na we atinya Rwabugiri ahita acika, acikira iriya ahagana mu Mutara ahantu hitwa Inka,

-Hu..

-Noneho Rwabugiri atu..amutumaho aramubwira ati "umwanzi wacu ni umwe ni Nkundiye uzaze dufatanye tumutere". Rwanyonga araza, noneho araza afatanya na Rwabugiri bagaba igitero ku ijwi. Rwanyonga aragenda afata uwo muntu witwa Nkundiye, Rwanyonga ngira ngo ujya wumva bamucuranga, ko ari umugabo w'igihangange amufata mpiri, noneho amurega igituza abwira

Rwabugiri ati "mutere icumu",

-Hum,

-Umusogote, ni uko uwo mugambanyi ni uko yapfuye.

-Hum,

-Ni uko yapfuye witwa Nkundiye, niwumva bavuze ba..bati "uzapfa urwa Nkundiye", ngaho aho byaturutse. Abantu rero bafatanya n'Inkotanyi kugambanira igihugu njye mbona bazapfa urwa Nkundiye.

-He..na njye ndakeka. Mukomeje kumva Radio yigenga RTLM, ubu ni saa tanu n'iminota irindwi muri studio zacu, ndakeka yuko twarekera aho ngaho icyo kiganiro, ibyo ari byo byose e.. abumvise bumvise kandi (inaudible). (musique)

**Nkomati Emmanuel**

Radio RTLM ivugira i Kigali, dufite i saa yine zirenzeho iminota mirongo itatu n'ibiri muri studio zacu, uwo muzika mwumva rero uwo muzika ushyushye urumvikana kuri radio yacu radio télévision yumvikana mu misozi igihumbi kandi yigenga mu misozi igihumbi (inaudible).

**Kantano**

None nanone iri joro, nanone bagarutse bagarutse noneho nanone gutera amahane ku buryo baratubwira yuko mu Kamenge ahitwa Mutakura, Cibitoke yo mu mujyi wa Bujumbura hose ubu ngubu noneho ari a..ari ibitangaza ku buryo abantu bakeka yuko hari ikintu i Burundi ki..giteye ubwoba, ki..kiri hafi kuba. Ibyo kandi biraba mu gihe mu gihe intumwa z'Umuryango w'a..w'Abibumbye, z'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika, zigera i Bujumbura zigiye kureba gukora anketi ku bantu bishe Nyakwigendera e..Me..Perezida w'u Burundi Merikiyoro Ndadaye. Hum ! Ibyo ari byose, e..abari baketswe muri ibyo bintu barimwo ba Koloneli Busokoza bari barahungiye i Kampala mu Bugande mwumvise ko babacikishije ubu ngubu rero anketi ntacyo izakora, ariko ndakeka yuko amahanga yarakwiye gutabara, agahagarika abo bicanyi b'i Bujumbura.

Ngayo amakuru y'i Burundi mabi, hanyuma..ku byerekeye e..ku byerekeye ibya politique nanone, hari abantu benshi benshi bo muri MDR, MDR- Power bakomeje kuvuga ibya.. Twagiramu..ibya..i..ku byo Nsengiyaremye Dismas yaraye avugiye kuri Radio Rwanda, bagakomeza

bibaza Nsengiyaremye icyo ahatse ni icyo ari cyo ku buryo ibyo tuza kubigarukaho saa kumi mu..saa..mu..mu makuru yacu ya nimugoroba ni ukuvuga saa kumi n'ebyeri dutangiye ibiganiro byacu.

Hanyuma..ubwo muraba muri kumwe na Habimana Kantano kuko ubu naje gukora kubera ko mugenzi wacu Gahigi Gaspard, Rédacteur en chef mwari kuba muri kumwe muri iki gitondo yagize ibyago umusaza we akitaba Imana, hanyuma ahari abagabo rero ntihapfa abandi, ndakeka ko Nkomati Emmanuel dufatanyije twagerageje kubaganirira uko dushoboye, hanyuma jyewe turahura nimugoroba muri animation yihariye, kuko ari yo programme yanjye.

Hanyuma hagati aho mbere yo gusezerano hinga mbasomere aya matangazo yihutirwa, hari umubyeyi witwa Mukahigiro wo muri Komine Rusatira, Segiteri Rusatira, akaba ibyo ari byose ubu atuye hano i Kigali kuko mbona yivurije kwa Nyiranuma, ubwo rero hano yataye indangamuntu ye, hanyuma hari Muka..rurenzi Marie Claire wo muri Komine Masango i Gitarama wo muri Segiteri Cyirwa na we yataye indangamuntu ye na we ashobora kuza hano kuyifata; groupe scolaire a..Shefu w'Abascout bo mu Rugunga aramenyesha Abascout bose batanze umusanzu ko uyu munsi hari fête saa munani, ni umunsi mukuru rero saa munani, ku ishuri, aba..abatari batanga uwo musanzu basabwa kuza bawuzanye kugira ngo badacikanwa n'uwo munsi mukuru.

Radio mwumvaga rero ni radio yanyu RTLM, ubu saa sita zirarengaho buke, mu izina rero rya Kamanzi, Kamanzi Lawurenti wabagezaho umuziki ushyushye na Nkomati Emmanuel wagerageje kubagezaho amatangazo yanyu n'ibindi biganiro nanjye mu izina ryanjye Habimana Kantano tubifurije umunsi mwiza, ni aha nimugoroba saa kumi n'ebyeri mukomere. (musique)

..Kantano kuri micro, tugiye kubagezaho ibiganiro byanyu by'uyu mugoroba mu Kinyarwanda kugeza saa mbiri ni ukuvuga kuva nonaha saa mbi..saa kumi n'ebyiri n'iminota icumi kugeza saa mbiri n'igice, saa mbiri n'iminota mirongo itatu z'umugoroba z'ijoro, turaba tuganira kuri iyi radio yanyu RTLM, radio yigenga ivugira i Kigali, ubwo rero abatwumva mwese abadukunda tutabazi na twe

K0138370



turabakunda abatwanga tutabazi turabasabira turabasabira ngo mugire umutima ukunda hanyuma mugerageze gukurikira mwumve ukuri, ubwo yenda twizere ko Imana izatwumva ikabibafashamo, ntimwange ibintu mutaramenya uko bimeze. Ubu rero kuri uyu mugoroba tubafitiye makuru ki ? Huum, muba mushaka iteke amakuru ashyushye, menshi kandi, ni cyo gituma buri muntu ufite radio RTLM atajya ayishyira kure, ham, ni byo amakuru yacu aba yihuta kandi kenshi ntabwo ari ngombwa kuyasubiramo aba yagiye, ni yo mpamvu rero mukwiye kujya mugira radio yanyu hafi kugira ngo mukurikire uko ibintu bimeze, isi iriruka, isi iriruka ni yo mpamvu nta kugenda buhoro.

Dufite iki se muri uyu mugoroba ? Muri uyu mugoroba ibintu a..dufite amakuru ateye ubwoba y'i Burundi, i Burundi rero..i Bujumbura muri karitsiye yitwa Kamenge, telefone zose ziva i Bujumbura ziratabaza, ziravuga ziti "nyabuneka mudutabarize, mudutabarize mubwire na Radio Rwanda idutabarize nk'uko yabimenyereye, ibintu birakomeye. Ubu rero muri Kamenge e..baratubwira yuko Etat- Major y'ishyaka FRODEBU rya Nyakwigendera Merikiyoro Ndadaye, ubu ngubu abasirikare bayigose, batangiye kurasamo na blindé, blindé imwe zimwe..zirindwi zavuye i Gitega, umunani zavuye i Mwaro, hanyuma n'izindi basanze i Bujumbura, ubu rero bakaba bashaka gutsemba iyo quartier général y'ishyaka FRODEBU, aho hantu rero muri ako gapande ka Kamange niho abanyabwenge bose abenshi b'Abarundi bari barahungiye, none rero..barabashyikiriye ubu ngubu nta wamenya niba Imana ishobora kurokoramo bamwe, cyakora hari abashoboye guhungira mu misozi, hari abashoboye gus..guhungira mu misozi ya..ya Bujumbura, ubu rero twizere yuko batabatsemba bose, ariko ibintu bimeze nabi, inama ya Leta yari iteranye yahagaritse imirimo yayo, kugira ngo Abaministre bajye muri za karitsiye hose barebe ukuntu ibintu bimeze, ariko rero kugeza ubu ngubu mbabwira ntabwo Abaministre na bo baragaruka uretse yuko abantu babona imyotsi muri Kamenge ahantu henshi. Ngaya amakuru y'i Burundi, turagenda tuyamenya uko agenda aza ariko murumva yuko nyuma y'abantu magana abiri bavuy..baguye mu Kamenge, bishwe n'abasirikare b'Abatutsi b'Abarundi na none dore, na none noneho ah..abari basigaye Abahutu bari basigaye noneho dore uko bagiye kubagenza na none bagiye kubatsemba, uwo ni umugambi muremure, muremure kandi uduha amasomo.

Andi makuru dufite, ubu madamu Uwiringiyimana Agata, Ministre w'Intebe a..maze kuvuga ijambo cyangwa se arimo ararivuga, twitegure rero.. Ministre w'Intebe wa Gouvernement

K0138571



y'inzibacyu..yaheze mu cyuho, twitegure.. ubwo icyo aza kutubwira, ntitwashoboye kujyayo ariko saa moya ubwo turumva ibyo avuga, aho yamenyereye kubivugira ni kwa mukeba, twebwe ngo ntiyaduha ijambo. Ubwo rero turaza kumva iryo jambo hanyuma.. tuze kugira icyo turivugaho. Birumvikana yuko amagambo ya madamu Uwiringiyimana Agata, cyereka se niba ari bwegure, batarinze kumwirukana, aho ngaho yaba acishije.. yaba akoze kigore hum oya yaba akoze kigabo, yaba akoze kigabo ntabwo yaba akoze kigore, hanyuma noneho ho ho ho ariko rero amagambo nyine ya madame Uwiringiyimana Agata n'aya Twagiramungu Fawusitini aliasi Rukokoma tumaze kuyamenyera ubwo wasanga arimo asubiza Président wa Repubulika wamubwiye ati "nyabuneka ikibazo cya CDR ko mukirengagiza kandi cyoroshye kandi kigomba gukemurwa", wabona rero.. amusubiza yuko atakitayeho, mbese dutegereze ne kumutiza amagambo, yenda wabona aho yakabereye mu minsi ye ya nyuma yo kuba Ministre w'Intebe yaba yenda avuga ijambo ryiza, burya ntawahora avuga ibintu birakaza abantu, ahari tuze kumva uwo mudamu w'abandi icyo aza kutugezaho.

Andi makuru, ikinyamakuru mfite hano kitwa "The chariat" the chariat kiremeza ko Museveni, Museveni ari Umunyarwanda, ko nyina yamutahanye mu..mu..buga..mu Bugande, e..a..yamujyanye mu Bugande ari akana gato, ari akana gato, icyo kinyamakuru rero rwose kikaba cyemeza yuko Museveni akiga muri université yi...akiga muri université yo muri Tanzaniya ntabwo yigeze yiga muri université y'i Makelele kandi ari iy'Abagande, yagiye muri université yo muri Tanzani..yo muri Tanzaniya ariko byo ntacyo bitwaye, hanyuma ariko..ngo bajya bamubwira ngo yandike, e..bavuga ngo abantu bose ngo bandike..ubwoko bwabo Umugande, Umunyakenya, Museveni akandika Umunyafurika, e..Umunyafurika avuga ngo ntagiye kuba Umunyarwanda wenyine, ha ha ha yewe yewe yewe ! Abavandimwe nyine ni bo badutera nibo batugejeje aha, birumvikana rero yuko turaza kureba iby'iki kinyo..iki ki..hu iki kinyamakuru cyanditse mu Kigande kandi ntabwo nzi Ikigande kinshi, ariko ikinyamakuru kitwa "the Chariat" cya..cyo ku itariki ya karindwi y'ukwa mbere e..ku..muri mirongo cyenda na kane hanyuma kikaba cyandikirwa i Ka..mpala, n'umuntu rero wagiyeyo noneho kimutera amatsiko ahita akituzanira.

Andi makuru ashyushye se ni ayahe ? Amakuru ni menshi, amakuru ni menshi, ni menshi hari ibirimo bivugwa muri uyu mugi, muri uyu mugi, turaza kumenya ibyo ari byo, ariko mu kanya ibivugwa nyine

ni amakuru yo..hirya no hino abantu baba bangejejeho, udukuru two hirya no hino muri karitsiye bavuga bati "nyabuneka uyu ibi, bite, ibiki, ibyo rero ni byo nise akababaro kanyu, kuko radio yanyu radio yanyu radio sympa ibagerera a..aho mutari bugere ikabavugira icyo mutari buvuge ubwo rero mu kanya mu kanya nyuma y'uyu muziki ndabagezaho akababaro kanyu hanyuma nsuhuze n'abantu bashatse kutwandikira, mukomeze mutwandikire mutwizere na twe ntabwo tuzabatenguha.(musique)

Ndakeka yuko ibibazo by'umuriro, ibibazo by'amashanyarazi, ndakeka yuko mubimenyereye kandi na Electrogaz ntako yabigenza ntako yabigenza kubera ko mwumvise yuko n'icyuma yacungiragaho kindi cyo kuri Rusizi ya kabiri na cyo cyapfuye, ni ibyuma biba bya ..ari ibya kera bishaje ubwo rero kongera kugisana ntabwo ari vuba, hanyuma Ntaruka na yo yapfa kuturwanaho, Inkotanyi ziteye itariki ya munani z'ukwa kabiri, zarayishenye zigira ngo nyine tube mu mwijima zibone uko zitugwa gitumo, ubwo rero..ndakeka yuko hum abakunda u Rwanda nyine.. ubu ngubu nibwo bagitangira kugaragara.

Ubwo rero ikibazo ki..cy'amashyanyarizi rwose mukihanganire, ariko rero hano iyo amashanyarazi abuze, mu minota mike cyane mu minota mike cyane rwose mujye mutwihanganira duhita ako kanya ducana moteri yacu, moteri yacu kugira ngo, kugira ngo rwose mutagira irungu, ubwo rero.. mujye mutwihanganira gato gato gusa ubundi tuze tuba..suhuze.

Ubu rero ngiye kubagezaho ubutumwa bwanyu, abantu bose mutwandikira iteka ngera..tugerageza kubasubiza, hari abanyandikira Kantano, hari abandikira Noheli, hari abandikira Gahigi, hari abandikira Nkomati, hari abandikira Valeriya, hari abandikira Géorges, abantu bose buri muntu wese agira..agira uwo ahitamo, ibyo birumvikana. Abo bose rero tugerageza uko dushoboye, iyo tubonye akanya kugira ngo tubasubize, kuko burya iyo muntu akwandikiye agukunda, ni iyo yaba atagukunda kandi ntumusubize burya ni bibi.

Ni yo mpamvu rero abatwandikiye ngiye kugerageza gufatamo bake, ni benshi ariko rero ndagerageza kwihuta, hanyuma noneho mbabwire bamwe mu..mu batwandikiye ni icyo bavugaga, ndagira no ku byo..ndajya mvanga, n'ibyo bita n'ibyo nise "agahinda kanyu" kuko Radio RTLM ni iyanyu ni ijwi

ry'abatagira ijwi, "La voix des sans voix". Ubwo rero "La voix des sans voix" igomba kubavugira icyo mutashoboye kwivugira, igomba kubagerera aho mutashoboye kugera kandi ibyo byose ku buntu. Rwamatwara Minani uri mu Gakinjiro, Segiteri Cyahafi, we arasuhuza inshuti ze ati "rwose unsuhurize umwana witwa Mukankubana Claire", ati "sinibagiwe umunyeshuri witwa Munyaneza Jumayine na Sipiriyani ukora muri Nasho, e..Nasho Nyabugogo, hamwe n'u..Uwimana Elina, Elina" ati "murakoze", ubasuhuza ni Rwamatwara Minani, nizeye ko abo bose ari abafana ba radio RTLM bakaba biyumvise kandi bakajya bakajya na bo batwandikira kugira ngo bazakwiture, Rwamatwara..Minani uri..a..uyu ni Munyaneza Jumayine ahise asubiza Rwamatwara Minani, uri mu Gakinjiro na we amutuye indirimbo na Matabaro Ali uri i Rwamagana na Rwagasore Huseni uri i Rwamagana, n'Umugwaneza Immaculée uri i Kigoma, ngo sinibagowe n'abanyeshuri bose bo muri CSK, CSK, babifurije ibizamini byiza.

Undi utwandikiye ni Premier Soldat hum Premier Soldat oui Safari Ali wo muri Armée Rwandaise ati "munsuhurize Nyiramajyambere Asifati uri i Kabuga" ati "rwose.." ati "usuhuze na Gahigi Gaspard" yagize ibyago, yagize ibyago ariko ni ukubyihanganira, Hitimana Noheli, Bemeriki Valeriya, Nkomati, n'abandi bose uti "mukomere", na we ukomere ka..ukomere Premier Soldat Safari Ali, abasana ha ha ha ha ndasuhuza abasirikare bo muri "ops Rusumo", "ops Rusumo" hum Kibungo, bati "ariko hem mwatubwiriye muri finance aho ntibatwibagiye", hu..nizere rero yuko finance yabagezeho hanyuma noneho mukareba yuko hem mwa..zitura umukandara, mukareba ko mwabona ukuntu ibintu byagenda ndakeka yuko bitari.. henshi, bitari henshi, bibaye henshi rero kaba ari akumiro, ubwo ni ukuvuga yuko finance yakwikubita agashyi, he..hinga nsuhuze..nsuhuze Ndwaniye Yozefu wo muri Komine Nkuri, Segiteri Musumba.., Selire Kanyove wo mu Ruhengeri, aravuga ati "rwose.." ati "jyewe ncuruza primusi sipongo na..ha sipongo se mama ni igiki ? Na..n'ikigage" hum ati "ariko kandi" ati "ndi umusederi (CDR) ariko hari aho bakunda na MRND bacuruza hano iwacu mu Kanyove, nka cya..nka Cyangabwoba na Mboneza, turagira ngo utuvuge kuri RTLM". Ndabavuze rero nimwiyongeze icupa rya sipongo, hanyuma mwongezeho primusi, muryoherwe.

Hinga nsuhuze..Munyaneza Innocent, Munyaneza isi..Innocent, alias Frère uri mu Kiyovu kuri telefone karindwi makumyabiri mirongo itandatu na kane, hu..hagati aho ariko henga nsuhuze

n'abanyonzi, abanyonzi bose, abanyonzi rero ngo ni abaheka ku magare, a..barahari benshi, birya bintu na byo ngo bizana udufaranga, umuntu agapfa kubona icyo ararira, muri iki igihe ni ukwishakira akazi bavandimwe ibintu byarakomeye, he..hari igihe ahubwo n'abarangije za tronc-commun, n'abarangije humanité bazajya basiganwa aho ngaho ku magare, hem abantu bagenda bagongana kuko imirimo ubu yarabuze, ni ukwishakira imirimo ariko hari abavuga bati "abapolisi batumereye nabi, hari igihe ufata.. umugore imbere kuri poro..e..ukamushyira kuro porte-bagage, imbere.. imbere ku ifarashi ya..bahita ku ifarashi ugashyiraho umwana we, ni uko wanyonga polisi yakubona ati "gatsindwe", ni uko cyakora rero simbizi ese igare rigira assurance ra ?

Hum umuntu rimuhonze hasi agahanga ni ugupfa bule, uwo yitanye rikamusatura amaguru bule, ibyo bintu ni ukubyiga yenda bakareba niba bitaba ngombwa yuko igare barishyirisha muri assurance, noneho umuntu akajya a..akajya adapfa ubusa, hum rero ngo kereka ari icyuma cy'umuriro, ariko rero ni icyo cyuma kitari icy'umuriro kirica. Ubwo rero ni ukureba uko byagenda.

Munyaneza Inosenti aliasi Frère, uri mu Kiyovu we aravuga ati "rwose dukunda kumva radio yatsinze mu misozi igihumbi", ati "ndetse sinshidikanya ko yatsinze no mu ijuru", ati "maze rero..radio yatsinze ni ukunsuhuriza umugabo witwa Eugène Mutangana n'icyana cye, nanjye ndifuza..kuyumvana n'inshuti yitwa "F", he "F" se mama ni Folomina simbizi ariko rero..ham Munyaneza aliasi Frère, wowe n'inshuti zawe muri kumwe, munezerwe munezerwe mbere yuko..nduhuka gato hinga mbanyurizemo akababaro ka rubanda, akababaro kanyu akababaro kanyu mugafatanyije na radio yigenga RTLM kuko ni radio yanyu ibavugira ibyo muta..mudashobora yenda kwivugira, dore nk'aba bantu baravuga bati "rwose mutubarize mutubarize abakozi" uno muntu yandikanye agahinda akubitiraho ni uko adasanzwe azi kwandika noneho biba bihumira ku mirari, ariko hinga ngerageze ndebe icyo yashakaga kuvuga, ati "rwose RTLM, rwose watumenyeshereje abayobozi ba CHK", CHK ni ibitaro by'i Kigali, ati "rwose ko aba..abasosiyare, abasosiyare" ati "ko imfashanyo yacu ihari mukaba mu..mutayi..tutayifata, umubyeyi wacu Voronika a..ushinzwe kutugaburira ko atu. adutuma aho ngaho akaduha agapapuro ntimuduhe imfashanyo yacu" ?

Mu by'ukuri rero ubwo barashaka gutunga agatoki bavuga bati "imfashanyo yacu umenya

abasosiyare bo muri sa..CHK i Kigali, bayigavura" ha ha ha bibaho hari abo usanga bagurisha amata bagurisha utuntu hirya no hino muri karitsiye muri za boutique kandi babikuye ku bababare. Ibyo bintu ni akumiro biba no muri za centre de santé izo bajyaga bakunda gufasha, ibyo bintu rero ni akumiro, kuba witwa ngo urakize mfite akazi urahembwa ku kwezi hanyuma ukaga..ugakirira ku bak..

**Fin de la face B.**

**Fin de la cassette**!